Republic of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GICURASI 2026

**10 KAMENA 2026**

*NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0*

*Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda*

*Tel: +250 788 383103*

*Imeyili: info@statistics.gov.rw*

*Urubuga: www.statistics.gov.rw*

*Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:*

*Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.*

# 1. IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GICURASI 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## 1.1. Ibiciro mu mijyi

Muri Gicurasi 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereye 12,9% ugereranyije na Gicurasi 2025. Muri Mata 2026 byari byiyongereyeho 13%.

Muri Gicurasi 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 6,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 16,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 19,4%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71,6%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 24,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,6%.

Ugereranyije Gicurasi 2026 na Mata 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,5%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,9% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 1,1%.

Ugereranyije Gicurasi 2026 na Gicurasi 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 12%.

## 1.2. Ibiciro mu byaro

Muri Gicurasi 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 11,8% ugereranyije na Gicurasi 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Mata 2026 byari byiyongereyeho 10,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Gicurasi 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 8,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 13,3%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 23,8%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 39,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 13,3%.

Ugereranyije Gicurasi 2026 na Mata 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1%.

## 1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Gicurasi 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 12,3% ugereranyije na Gicurasi 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Mata 2026 byari byiyongereyeho 11,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Gicurasi 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 7,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 14,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 21,8%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 28% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 15,1%.

Ugereranyije Gicurasi 2026 na Mata 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,9%.

***Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2025 kugeza muri Gicurasi 2026.***

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2025 | | | | | | | | 2026 | | | | |
| | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 |
| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 | 8,9 | 9,2 | 9,2 | 13,0 | 12,9 |
| Mu byaro | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 | 6,5 | 7,0 | 6,7 | 10,6 | 11,8 |
| Mu Rwanda | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 | 7,5 | 7,9 | 7,7 | 11,5 | 12,3 |
| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 | 1,3 | 0,9 | 1,3 | 4,7 | 0,5 |
| Mu byaro | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 | 0,1 | 1,4 | 1,9 | 6,8 | 0,7 |
| Mu Rwanda | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 | 0,6 | 1,2 | 1,7 | 5,9 | 0,6 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw